POWERED BY SUPPORTED BY FACILITATED BY

# INYANDIKO ISOBANURA BIRAMBUYE GAHUNDA Y'UBUKUNGU BWISUBIRA YA IREME INVEST

## INTANGIRIRO

Leta y'u Rwanda yihaye gahunda ikomeye yo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe kugira hongerwe ubudahangarwa hanatezwe imbere ubukungu burambye. Binyuze muri gahunda yo kurwanya imihindagurikire y'ibihe hagendewe ku biteganywa n'amasezerano ya Paris yerekeye imihindagurikire y'ibihe "Nationally Determined Contributions (NDC)," u Rwanda rwiyemeje kugabanya 38% y'imyuka ihumanya ikirere bitarenze 2030. Ibikorwa byo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe no kugabanya imyuka ihumanya bikazasaba amafaranga agera kuri Miliyari 11 z'Amadolari.

Ku bw'iyo mpamvu, Ikigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije (Rwanda Green Fund) na Banki y'u Rwanda Itsura Amajyambere (BRD) bashyizeho gahunda yiswe Ireme Invest itera Inkunga imishinga irengera ibidukikije. Ireme Invest itanga uburyo bunyuranye bwakorohereza abikorera, bagashora imari mu mishinga irengera ibidukikije ari nako banatanga umusanzu mu kugera ku ntego u Rwanda rwihaye.

Kugirango bigerweho, Ireme Invest binyuze mu ishami ryayo ryo gutegura imishinga (Project Preparation Facility) irashishikariza ba rwiyemezamirimo bakora ibijyanye n'imicungire y'imyanda no kubaka ubukungu bwisubira mu Rwanda gusaba inkunga n'ubufasha mu bya tekinike. Iyi nkunga n'ubufasha biraboneka kuri ba rwiyemezamirimo bafite udushya mu bijyanye n'ubukungu bwisubira ndetse no kugabanya no gucunga neza imyanda, bari mu byiciro byose baba bagitangira cyangwa abamaze igihe bakora.

Iyi gahunda yashyizwe mu bikorwa n'Ikigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije (Rwanda Green Fund) ku nkunga y'ikigo cya leta y'Ubudage gishinzwe itarembere (GIZ) binyuze mu rwego rw'ubufatanye bw'u Rwanda n'Ubudage muby' Imihindagurkire y'Ibihe n'Iterambere, ku bufatanye na Impact Hub Kigali.

Iyi gahunda irakira ubusabe mu nzego zose z'abakora ibijyanye no gucunga imyanda n'ubukungu bwisubira. Kugabanya imyanda, kongera gukoresha ibyakoreshweje, no gukuraho burundu imyanda bishobora kugorwa mu buryo bunyuranye kandi mu byiciro ibyaribyo byose by'ubucuruzi. Aha harimo:

- Ibyasimbura pulasitike
- Ibyakwifashishwa mu bwubatsi
- Kugabanya no kongera gukoresha imyanda ikomoka mu buhinzi
- Uburyo bwo kwishyura serivisi z'imyanda
- Uburyo bwo gutandukanya no gukusanya imyanda yo mu ngo
- Kubyaza umusaruro imyanda hakorwamo ibikoresho
- Uburyo bwo kongera gukoresha

## IBIGIZE IYI GAHUNDA N'IGIHE IZAMARA

Iyi gahunda igizwe n'ibyiciro bibiri:

**Icyiciro cya Mbere: Kunoza Igitekerezo n'Ubucuruzi**

Mu cyiciro cya mbere, ba rwiyemezamirimo 30 bazatoranywa bitabire amahugurwa y'amezi ane. Bimwe mubyo bazungukira muri aya mahugurwa harimo kugirwa inama n'inzobere, n'abatoza ndetse n'amahirwe yo gutanga imbanzirizamushinga bakaba muri ba rwiyemezamirimo 10 bazabona inkunga.

**Icyiciro cya Kabiri: Gutanga Inkunga no Kumurika Imishinga**

Mu cyiciro cya kabiri, ba rwiyemezamirimo 10 bazaba bafite imbanzirizamushinga zihiga izindi bazabona inkunga igera kuri Miliyoni 60 z'amafaranga y'u Rwanda hagendewe ku gihe ibikorwa byabo bimaze cyangwa ubwoko bwabyo. Aba ba rwiyemezamirimo n'abacuruzi kandi bazabona ubufasha bunyuranye mu by'ubucuruzi, ndetse n'amahirwe yo guhura n'abashoramari mu rwego bakoramo mu muhango wo kumurika imishinga izaba yaratewe inkunga na gahund aya Ireme Invest.

## UKO BASABA INKUNGA

Ba rwiyemezamirimo babyifuza barashishikarizwa gusura urubuga **iremeinvest.rw/apply/circular-economy** bakamenya byinshi bakanatanga ubusabe bwabo.

Gusaba kwitabira iyi gahunda, ubusabe bwoherezwa mu buryo bw'ikoranabuhanga hifashishijwe urubuga rwa Ireme Invest ruboneka **hano**. Abasaba bose ku nshuro ya mbere barasabwa gufungura konti mu buryo bw'ikoranabuhanga ku rubuga rusabirwaho inkunga. Abasaba inkunga bazahabwa amahirwe yo kubaza ibibazo haba mu biganiro ndetse no guhura imbonankubone n'itsinda ry'Ikigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije kugirango basobanurirwe byimbitse.

Ku bindi bisobanuro, abasaba bashobora kandi kwandikira **application@greenfund.rw**

**Gusaba kwitabira iyi gahunda ya Ireme Invest itera inkunga imishinga yo guteza imbere ubukungu bwisubira izarangira Kuwa Mbere, tariki ya 23 Ukwakira 2023 saa kumi n'imwe z'umugoroba (17:00).**

## NINDE WASABA INKUNGA?

Iyi gahunda yahariwe ba rwiyemezamirimo n'abakora ubucuruzi mu bijyanye n'imicungire y'imyanda no kubaka ubukungu bwisubira mu Rwanda.

Abazemererwa gusaba inkunga barasabwa kwitabira ibikorwa byose by'iyi gahunda, harimo kujya mu mahugurwa yashyizweho. Abazitabira neza ku buryo bugaragara bakanatanga imbanzirizamushinga zihiga izindi nibo bazahabwa inkunga.

Iyi gahunda izamara amezi ane, kuva mu Ukuboza 2023 kugeza muri Mata 2024. Abazitabira bazatanga inyandiko z'imishinga yabo ngo iterwe inkunga muri Mata 2024.

Ba rwiyemezamirimo 10 bazatsindira inkunga bazatangazwa muri Gicurasi 2024. Hazakurikiraho guhabwa ubufasha mubya tekinike mu gihe cy'amezi atatu kugirango inkunga ikoreshwe neza.

## IBIZASHINGIRWAHO

Rwiyemezamirimo cyangwa ukora ubucuruzi agomba kuzuza ibisabwa bikurikira:

- Kuba ikigo kigomba kuba gikora ibijyanye no guteza imbere imicungire y'imyanda n'ubukungu bwisubira
- Kuba ibikorwa biri mu Rwanda
- Kuba yiteguye kwitabira ibikorwa biteganyijwe byose muri iyi gahunda

## INGENGABIHE

**23 Ukwakira 2023 | 17:00**
Gusoza Kwakira Ubusabe

**Ugushyingo 2023**
Guhitamo ba rwiyemezamirimo 30

**Ukuboza 2023 - Mata 2024**
**Icyiciro cya 1:**
Kunoza ibitekerezo by'imishinga

**Mata 2024**
Gutanga imbanzirimishiga ngo iterwe inkunga

**Gicurasi 2024**
Kwemeza bya rwiyemezamirimo bahize abandi

**Gicurasi - Kanama 2024**
**Icyiciro cya 2:**
Guhabwa inkunga no kumurika imishinga

**Nzeri 2024**
Kumurika imishinga ku bandi bashoramari

## UKO WASABA INKUNGA

**Intambwe ya 1: Gusaba ku rubuga rwa Ireme Invest**

Mu gihe urubuga rwafunguwe, ubusabe bushobora gutangwa. Kuzuza ibisabwa ugatanga ubusabe niyo ntambwe ya mbere yo kwitabira iyi gahunda ukaba wanahabwa inkunga itangwa na Ireme Invest.

### Uko Bikorwa

Gusaba kwitabira iyi gahunda, ubusabe bwoherezwa mu buryo bw'ikoranabuhanga hifashishijwe urubuga rwa Ireme Invest ruboneka **hano.**

Abasaba bose ku nshuro ya mbere barasabwa gufungura konti mu buryo bw'ikoranabuhanga ku rubuga rusabirwaho inkunga. Abasaba inkunga bazahabwa amahirwe yo kubaza ibibazo haba mu biganiro ndetse no guhura imbonankubone n'itsinda ry'Ikigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije kugirango basobanurirwe byimbitse.

**Icyitonderwa:** Kuzana inyandiko mu ntoki cyangwa gutanga inyandiko kuri imeri (email) ntibizemerwa.

**Intambwe ya 2: Gusesengura ubusabe**

- Umushinga ugomba kuba ugamije kugabanya no guteza imbere imicungire myiza y'imyanda
- Kuba ibikorwa bikorerwa mu Rwanda
- Umushinga ugomba kuba ugaragaza neza uko ubucuruzi buzakorwa
- Umushinga ugomba kuba bwujuje amabwiriza yo kurengera ibidukikije
- Umushinga ugomba kuba ujyanye n'intego z'igihugu n'izo ku rwego mpuzamahanga zo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe
- Rwiyemezamirimo agomba kugaragaza ko hari ubushobozi bwo gushyira mu bikorwa umushinga

**Intambwe ya 3: Guhitamo ba rwiyemezamirimo 30**

**Intambwe ya 4: Gutanga imbanzirizamishinga ngo ziterwe inkunga**

**Intambwe ya 5: Kwemeza ba rwiyemezamirimo 10 bahize abandi**

**Intambwe ya 6: Guhabwa inkunga no kumurika imishinga ku bandi bashoramari**

Ba rwiyemezamirimo 10 bazaba bazemezwa bazabona inkunga igera kuri miliyoni 60 z'amafaranga y'u Rwanda hagendewe ku gihe ibikorwa byabo bimaze cyangwa ubwoko bwabyo.

Ku musozo w'iyi gahunda, aba ba rwiyemezamirimo n'abakora ubucuruzi bazagira amahirwe yo kumurika ibikorwa na serivisi zabo mu muhango uzwi nka "Demo Day". Uyu muhango uzatanga amahirwe yo gukurura abandi bashoramari bashora imari yatuma ibikorwa by'umushinga w'ubucuruzi bikomeza gukora na nyuma y'iyi gahunda.

## Ku bindi bisobanuro

Ku bindi bisobanuro bijyanye n'iyi gahunda, wasura urubuga **iremeinvest.rw/apply/circular-economy** cyangwa ukandikira **application@greenfund.rw**.